# LIDA Stories

lidastories.net

## Gushaka akazi / Finding a job

Espen Stranger-Johannessen
Sunniva Høiby-Øiset
Abisange Iragena Sandrine (rw)

This work is licensed under a Creative Commons Attribution 4.0 International License.
https://creativecommons.org/licenses/by/4.0

## Gushaka akazi

## Finding a job

Espen Stranger-Johannessen
Sunniva Høiby-Øiset
Abisange Iragena Sandrine

4

Ikinyarwanda rw / English en

Alisha akeneye akazi kubera ko umuryango we ukeneye amafaranga yo kugura ibyo kurya n’imyambaro.

• • •

Alisha needs to find a job because her family needs money for food and clothes.



Atewe ishema no kuba yarabonye akazi, kuko kamufasha kugurira umuryango we ibyo kurya n’imyambaro, bivuye mu mafaranga ye bwite.

• • •

She is proud that she has got a job so that she can buy food and clothes for her family with her own money.

Nyuma yaho Alisha agiye muri interview y'akazi muri restora maze barakamuha. Ni akazi kagoye. Inshuro nyinshi aba asabwa gukora nimugoroba, igihe abana be bari mu rugo bavuye ku ishuri.

. . .

Next time Alisha goes for a job interview at a restaurant, she is offered the job. It is hard work. She often has to work in the evening, when her children are home from school.



Alisha ntiyakoraga mu gihugu akomokamo, ariko azi guteka kandi akunda kuganiriza abantu.

. . .

Alisha did not work in her home country, but she is good at cooking and likes talking to people.

Wenda yakora muri resitora se? Alisha arimo gushakisha akazi kuri interineti.

. . .

Maybe she could work in a restaurant? Alisha searches on the Internet for job postings.



Ibijyanye n’ayo masomo na byo yabyongeyeye muri CV ye. CV iba igaragaza akazi kose umuntu yakoze ndetse n’amasomo yafashe.

. . .

She adds the details of the course to her CV. A CV is a description of all the work she has done and all the courses she has taken.

Alisha agomba kubanza kwimenyereza umwuga muri resitora. Nubwo akora adahembwa, bimufasha kugira ubunararibonye mu kazi.

. . .

Alisha has to work in a restaurant as part of her training course. She does not get paid, but she gets work experience.



Abonye itangazo ry’ahantu bakeneye umutetsi. Ni umuntu wo guteka muri resitora.

. . .

She finds an advert for a chef. That is someone who cooks in a restaurant.

Agiye muri interview y'akazi. Umuyobozi wa resitora amubwiye ko bakeneye umuntu wize ibyo guteka.

. . .

She goes for the job interview. The restaurant manager tells her they need someone who has trained as a chef.



Alisha arababaye ariko ajya gufata amasomo ajyanye no guteka no kwakira abantu. Yizeye ko ayo masomo azatuma abona akazi muri restora.

. . .

Alisha is disappointed, but she takes a course called "Food and hospitality". She hopes this will help her to get a job in a restaurant.